**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

# IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA AKABA N'INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO W'ISOZA RY'ICYICIRO CYA 16 CY'AMAHUGURWA Y'IBANZE Y'ABAPOLISI

- **Nyakubahwa Insipegiteri Generali wa Polisi y'u Rwanda;**
- **Ba Nyakubahwa bayobozi ba Polisi mwese muteraniye hano;**
- **Bapolisi mushoje amahugurwa uyu munsi.**

Mbanje kubasuhuza.

Bayobozi ba Polisi muteraniye hano, Bapolisi mushoje amahugurwa uyu munsi, mbanje kubashimira kubera uyu muhango mwiza mwateguye, cyane cyane mu bihe turimo bitoroshye by'iki cyorezo cya COVID 19 . Abasoje amahugurwa ndabashimiye kandi ndabakiriye mu kazi no mu muryango mwiza wa Polisi y'u Rwanda.

Uyu ni umuhango usoza icyiciro cya 16 cy'amahugurwa y'Abapolisi bato. Ibi icyo bishimangira ni gahunda n'ubushake bya Guverinoma y'u Rwanda ndetse n'ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda bwo kubaka igipolisi cy'umwuga no kugeza Polisi y'u Rwanda ku bushobozi bukenewe kugira ngo ishobore kurangiza neza inshingano zayo zo kubumbatira amahoro n'umutekano w'abaturarwanda ndetse n'uw'ibintu byabo. Ibi bikaba bigaragaza ko nta bunyamwuga bwagerwaho bitanyuze mu mahugurwa ntanubwo twasaba umupolisi uri mu kazi gutanga icyo atahawe mu mahugurwa nk'aya n'ayandi.

Polisi y'u Rwanda igira uruhare rukomeye mu gushyira mu bikorwa gahunda za Leta nko gufatanya n'abaturage mu kwicungira umutekano n'ibindi bikorwa bitandukanye bifitiye igihugu akamaro. Ni muri urwo rwego mbasaba kuba intangarugero mu kubahiriza amategeko, mushyigikira gahunda za Leta kugira ngo n'abaturage babigireho umuco mwiza wo gushyira mu bikorwa ibyo amategeko ateganya kandi adusaba twese.

By'umwihariko muri ibi bihe turimo byo guhangana n'icyorezo cya Coronavirus gihangayikishije isi yose, nagira ngo mbonereho nshimire Polisi y'u Rwanda akazi katoroshye yakoze kandi igikomeje gukora kugeza ubu ko gufasha abaturarwanda kwirinda iki cyorezo. Namwe rero murangije amahugurwa y'ibanze tubatezeho umusanzu wanyu wo kwiyubakira igihugu mu ngeri zose nk'uko mwabihuguriwe.

Hamwe n'izindi nzego, Polisi y'u Rwanda yahagurukiye kurwanya ibyaha bikomeye nka ruswa n'ibisa nayo byose; ihohoterwa ryo mu ngo n'irishingiye ku gitsina; iterabwoba; ubujura bukoreshejwe ikoranabuhanga n'ibindi... Muri uru rugamba, umupolisi wese agomba kumva ko inshingano zo kurwanya ibyaha zimureba. Imikoranire hagati ya Polisi n'abaturage ni imwe mu ngamba zafashwe zo kurwanya no gukumira ibyaha, abaturage bakaba basabwa gutanga amakuru kugira ngo ibyaha bikumirwe bitarakorwa.

Polisi y'Igihugu cyacu igeze ku rwego rushimishije mu gucunga umutekano mu gihugu, bikaba byaratumye ibyaha bigabanuka ku buryo bugaragara. Gucunga umutekano ntibigarukira mu gihugu cyacu gusa kuko Polisi yacu yitabajwe n'Umuryango w'Abibumbye mu kugarura umutekano mu bihugu by'amahanga bifite ibibazo by'umutekano nka; Haiti, Central Africa Republic, Sudan, Sudani y'Epfo n'ahandi...

Muri gahunda zitandukanye Guverinoma ifitiye Polisi y'u Rwanda harimo kuzamura ubumenyi bw'Abapolisi ibashakira amahugurwa atandukanye mu gihugu imbere ndetse no mu mahanga, kubafasha kubona ibikoresho bigezweho bikenerwa mu kazi ka buri munsi hagamijwe gutanga serivisi zinogeye abaturarwanda ndetse n'abarusura.

Bapolisi mushoje amahugurwa uyu munsi, umuyobozi w'ishuri yavuze ko mwitwaye neza, ndabashimira ubwitange n'umurava byabaranze mu gihe cyose

aya mahugurwa amaze. Ubumenyi bw'ibanze mwahawe bwo gukumira ibyaha mukwiye kuzabukoresha mu mirimo yanyu ya buri munsi aho muzakorana n'abandi bapolisi bababanjirije mu kazi, mwirinda icyo ari cyo cyose cyakwangiza isura nziza ya Polisi y'u Rwanda. Ndabasaba kandi kuzaba inyangamugayo murangwa n'ishyaka mu kazi kanyu ka buri munsi.

Mbere y'uko nsoza iri jambo, ndashimira ubuyobozi bwa Polisi y'u Rwanda budahwema guhugura Abapolisi n'abandi banyarwanda bifuza kwinjira muri Polisi kugira ngo batange umusanzu wabo wo kurinda umutekano w'abaturarwanda n'ibyabo.

Ndashimira kandi ubuyobozi bw'iri shuri, abarimu namwe mwese mwitabiriye uyu muhango w'isoza ry'icyiciro cya 16 cy'amahugurwa y'ibanze y'Abapolisi nsaba n'aba bapolisi bashoje amahugurwa kuzahora baharanira ishema ry'u Rwanda aho bazaba bari hose nk'abanyarwanda.

Murakoze, mugire umusi mwiza.

---